

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME Jeannette KAGAME,  
MU MUHANGO WO GUHEMBA INKUBITO Z'ICYEZA NA BA

MALAYIKA MURINZI

Karongi, ku wa 7 Gicurasi 2010

Ba Nyakubawa ba Ministres,  
Nyakubawa Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba  
Bwana Mayor w'Akarere ka Karongi  
UN FAMILY Representative,  
Bwana Muyobozi wa RDB/ICT,  
CISCO Representative  
Barezi, Bana bacu, Ba Malayika Murinzi,mwaramutseho?

Uyu munsi duteraniye hano twizihiza ibirori by'impurirane, byo gutanga ibihembo ku bana b'abakobwa batsinze neza. Twifuje kandi kubihuza no gutanga inka kubo twita ba “**Malayika Murinzi**”, bakomoka mu turere twa Karongi, Rutsiro,Ngororero, Ruhango na Muhanga.

Igikorwa cyo guhemba abakobwa batsinze neza, kibaye ku nshuro ya gatandatu, kandi nk'uko bisanzwe gifite insanganyamatsiko igira iti: « **Ba inkubito y'icyeza n'ishema ry'abakobwa** ». Muri iki gihe cyose tumaze, dushyira imbere intego z'ingenzi 3 arizo:

- Gushishikariza abakobwa kugana ishuri,
- Gukomeza amashuri mu byiciro byose bishoboka,
- Gutsinda neza no kuba indashyikirwa!

Dufatanije n'izindi nzego, twakwishimira ko nibura intego ya mbere yo gushishikariza imiryango gushyira abana bose mu ishuri, baba abakobwa cyangwa abahungu yagezweho.

Intego yo gukomeza amashuri mu byiciro byose bishoboka ntabwo irabasha kugerwaho neza, ukurikije imibare igaragazwa n'Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibizamini.

Mu mashuri abanza, abana b'abakobwa bagera nibura mu mwaka wa gatandatu<sup>1</sup> ariko siko bose babasha gukora ikizamini gisoza ayo mashuri<sup>2</sup>. Ababashije gukora ikizamini nabo siko babasha gutsinda ngo babone amanota meza<sup>3</sup>. Abo bakobwa bose bagenda basigara batabasha no kurangiza icyiciro cy'amashuri abanza bajya he? Biterwa n'iki? Bimwe muri byo byavuzwe kandi bimwe twabifatiye n'ingamba, hasigaye kubishyira mu bikorwa.

Iyo urebye imibare igaragazwa, abakobwa bagera mu cyiciro rusange n'icyiciro gisoza amashuri yisumbuye, ariko nanone benshi ntibabashe gukomeza.

Abo bakobwa bagenda babura batabasha gukomeza amashuri nibo babyeyi b'ej. Biragoye rero kugira ngo bazafashe abana bazabyara gutera imbere. Birasaba kongera gushyiramo ingufu mu nzego zose.

Bana b'abakobwa muri hano, namwe mugomba kugira uruhare mu kwiga kwanyu. Ni nayo mpamvu dukora izi gahunda ngo bibatere ingufu. Kandi dukomeze no gukangurira inzego zose kubafasha kugera ku iterambere.

---

<sup>1</sup> Mu 2009, abakobwa 89 757 n'abahungu 77 999 nibo bari bageze mu mwaka wa gatandatu w'amashuri abanza( RNEC,2009)

<sup>2</sup> Abakobwa 84 969 bangana na 53.9% (Abakobwa bagera ku 4788 bari barageze mu mwaka wa gatandatu, ntibakoze ibizamini) n'abahungu 72 789 (46.1%) bakoze ikizamini gisoza amashuri abanza

<sup>3</sup> Abakobwa 54 434(50.8%) nibo bonyine babashije kugeza ku manota yagendewe (Abakobwa 30 535 baratsinzwe)

Ku bijyanye n'intego ya gatatu yo gutsinda neza no kuba indashyikirwa, nayo turacyari kure.

Nk'uko babibabwiye, ubundi duteganya guhemba umukobwa umwe muri buri murenge ku barangije amashuri abanza, umwe mu karere ku barangije icyiciro rusange bafite n'ibura 60%, na batatu mu ntara ku barangije amashuri yisumbuye. Uyu mwaka abo twahembye bafite hagati y'amanota 60% na 90.6 mu mashuri abanza

Mu mirenge 416 igize U Rwanda, hari imirenge 257 idafite umwana n'umwe w'umukobwa wagejeje ku manota 60% twahereyeho. Nko mu mirenge 96 igize iyi ntara, habonetse abakobwa 61 baturuka mu mirenge 25 gusa. Twihe umuhigo rero ko, ubutaha nibura buri murenge uzaba ufile inkubito y'icyeza izawuserukira.

Ibi biratwereka ko tugifite byinshi byo gukora ngo tuzamure amashuri abanza, cyane cyane ayo mu cyaro, kuko tuzi ko amashuri abanza ari fondasiyo y'ibyiciro bindi bikurikira.

Ariko na none igishimishije ni uko muri iyi Ntara, habonetse abakobwa batatu, barangije amashuri yisumbuye, batsinze neza. Ni nabo tumaze guhemba mu kanya, bose bakaba baturuka mu mashuri yisumbuye yo mu Karere ka Rubavu.

Bana muri hano, hari inama nyinshi mwahawe nanjye ndagira ngo nongereho:

Mbere na mbere mwisuzume, mumenye ubuhanga n'ubushoboz  
mwifitemo, kandi burahari. Nk'uko umuntu agaburira umubiri we  
ibiwutunga, namwe mugaburire ubwonko bwanyu. Ntimwibande  
gusa ku bijyanye n'amasono yo mu ishuri, ahubwo mushishikarire  
kwiugura muri byinshi. Cyane cyane mugire umuco wo gusoma,  
mwihugure no mu bundi buhang.

Indi nama nabagira, buri wese namenye ingufu afite, amenye n'aho  
yaba afite intege nke, yisunge, amenye no gukorana bagenzi be,  
ajye inama, anagire ubushake bwo guhinduka no guhindura  
abandi, kandi birashoboka.

Mugire umuhate kandi mwoye gucibwa intege n'icyo aricyo cyose.  
Mwirinde ibishuko byose bishobora kubangamira intego mwihaye.  
Hari abashobora kubashora mu ngeso mbi, zatuma ubuzima  
bwanyu bwangirika. Hari n'abashobora kubashyiramo ibitekerezo  
bigamije kwangiza igihugu kibakunda, kandi kibatekereza iteka.

Bana rero mwahembwe uyu munsi, nongeye kubashimira kandi  
mukomereze aho ndetse muzanaharenge. Nk'uko Fondation  
Imbuto idahwema kubibatoza, mube "Inkubito y'Icyezza n'Ishema  
ry'Abakobwa", mukomeze mube urumuri aho muri hose.

Ndasaba urubyiruko muri rusange gukomeza gusarura imbuto  
z'ubumenyi, ubuhanga n'ubupfura, no kuzibiba mu muryango  
nyarwanda.

Babyeyi namwe muri hano, dufite inshingano zikomeye zo kwita  
ku bana, baba abakobwa cyangwa se abahungu. Zimwe mu

mbogamizi zavuzwe, ziri mu bibangamira uburenganzira bw'umwana muri rusange.

Buri wese uri hano yibaze ati: “ Ese mu bijyanye no kurinda umwana iohohoterwa n'ikibi icyo ari cyo cyose, nkora iki? Kuba ntaragira icyo nkora, ni uko nta hohoterwa rikorerwa aho ntuye? Cyangwa ni uko numva bitandeba?” Hanyuma dufate icyemezo kuko biroroshye kandi biranashoboka.

Dufite ingero zifatika z'ababyeyi b'Abanyarwanda, bagize umutima wo gukiza no kwita ku bana, mu buryo bwinshi bunyuranye nk'uko mwabyumvise.

Fondation IMBUTO yabise “Malayika Murinzi” kuko barinze abana icyago batitaye ku masano, ku mutungo bafite, cyangwa se ngo banagire inkeke kubera umubare w'abana babo basanganywe. Abo babyeyi ntangarugero, tubaha inka y'ishimwe.

Iki gikorwa ariko ntikigamije guhemba gusa. Kigamije gukoresha urugero rw'abaturage nkatwe, abaturanyi bacu, abavandimwe ndetse n'ababyeyi bacu, bagize ubutwari bwo kwita kuri abo bana, kandi bakabitaho nta yindi nyungu bategereje.

Abo ba Malayika Murinzi duturanye, batubera indorerwamo twireberamo. Tukisuzuma, tukareba abana dutunze, n'abandi tuzi birirwa bahohoterwa, maze tukabarinda. Muri aba babyeyi, turabona ko kwita ku mwana wese nk'uwawe bishoboka, kandi bitagombera ubundi bushobozi budasanzwe.

Kuba Malayika Murinzi, si ukurera umwana gusa wabuze ababyeyi, cyangwa se ababyeyi batitayeho. Hari no gushishikariza abandi babyeyi kurwanya ihohoterwa rikorerwa abana, kugira ibikorwa bigaragara bifasha abana kubarinda ikibi icyo ari cyo cyose, n'ibindi...

Uyu mwaka turahemba ba Malayika Murinzi 65 biyongera kuri 90 twahembye mu myaka yashize. Turifuza ko habaho ihuriro ry'abo ba Malayika Murinzi muri buri Karere, mukagira ibikorwa bifatika cyane cyane bigamije gukangurira abandi babyeyi. Mukamenya abana bakiriwe mu miryango uko bafashwe, mugafatanya kugira ngo mubashe gutera imbere. Mugahugurwa ku bijyanye n'uburenganzira bw'abana, mukaba intangarugero muri byose.

Hamwe na hamwe byaratangiye, navuga nko mu Karere ka Musanze aho iryo huriro ryatangijwe na Malayika Murinzi umwe (Paul GATSIRI), ubu rikaba rimaze kugira abandi banyamuryango 32.

Nkunze kubwira Ba Malayika Murinzi duhemba, ko baba bagiranye igihango na Fondation Imbuto. Inka muhabwa si ikimenyetso gusa, ahubwo ni igihango cyuzuyemo imbuto mugomba kubiba mu baturanyi banyu. Turifuza ko mugira umuco wo kwitura no kuziturira abandi ba Malayika Murinzi. Ibyo tukifuza ko byakorerwa nyine muri ayo mahuriro y'akarere.

Sinasoza iri jambo ntashimiye ba Malayika Murinzi aho bari hose, ndavuga umuntu wese ufite umutima wa kibyeyi, umutima

w'impuhwe, umutima w'urukundo, bitabiriye gushyira mu ngiro  
intego ya campagne "Wite ku mwana wese nk'uwawe".

Bana muteraniye hano, babyeyi, bayobozi, bafatanyabikorwa  
n'incuti za Fondasiyo IMBUTO, duharanire ko udusozi twose tw'U  
Rwanda, twakuzuraho Inkubito z'icyeza, Urubyiruko  
rw'Indashyikirwa n'ababyeyi ba Malayika Murinzi.

**Murakoze , mugire umunsi mwiza!**